



REPUBLIKA Y'U RWANDA

Gatsibo, kuwa 22/03/2016
Ref N°Njy.003./07.05.03/09



INTARA Y'IBURASIRAZUBA
AKARERE KA GATSIBO
INAMA NJYANAMA Y'AKARERE
gatsibodistrict@gatsibo.gov.rw

Madamu Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba – **Rwamagana.**

Impamvu: Kubagezaho Imyanzuro y' Inama Njyanama ,

Madamu Guverineri;

Nejejwe no kubandikira ngirango mbagezeho, k'umugereka w'iyi baruwa Imyanzuro y'Inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye kuwa Gatandatu tariki ya 19.03.2016, ku mugereka w'iyi baruwa murahasanga imyanzuro ku buryo burambuye.

Mugire amahoro.

RUKEMANGANIZI Cyprien

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka **Gatsibo.**

Bimenyeshejwe :

- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu **Kigali.**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka **Gatsibo .**

**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA
GATSIBO YATERANYE KUWA GATANDATU TARIKI YA 19/03/2016**

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateraniye ku kicaro cy'Akarere kuwa gatandatu tariki ya 19/03/2016, iyobowe n'Umuyobozi wayo Bwana RUKEMANGANIZI Cyprien, iyo nama ikaba ariyo ya mbere yahuje abagize Inama Njyanama y'Akarere batowe bakarahira tariki ya 27.02.2016;

Inama yitabiriwe n'Abajyanama 28 ku Bajyanama 28 kugeza ubu bagize Inama

Njyanama y'Akarere kubera ko MUKAMANA Scovia uhagarariye urubyiruko atararahira.

Ku murongo w'ibyigwa hari hateganyijwe ingingo zikurikira:

1. Gukora ihererekanya bubasha,
2. Kwemeza inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 22/01/2016;
3. Kwemeza Abajyanama bagize Amakomisiyo ahoraho z'Inama Njyanama;
4. Kwemeza abagize Inama y'Ubutegetsu ya Farumasi y'Akarere;
5. Kwemeza gahunda z'inama zisanzwe
 - a) Biro y'Inama Njyanama;
 - b) Kwemeza gahunda y'inama zisanzwe z'Abaperezida;
 - c) Kwemeza gahunda y'inama zisanzwe z'Inama Njyanama;
6. AOB (Divers).

1. GUKORA IHEREREKANYA BUBASHA

Umuhango wayobowe na GASANA Richard, Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo akaba n'umujyanama, wakozwe hagati y'Umujyanama RUTAYISIRE K.Wilson, Umuyobozi ucuye igihe n'Umujyanama RUKEMANGANIZI Cyprien Umuyobozi mushya w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo, imbere y'Abajyanama bose batowe.

2. KWEMEZA INYANDIKOMVUGO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA YATERANYE TARIKI YA 22/01/2016;

Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yateranye tariki ya 22/01/2016, imaze kuyikorera ubugororangingo.

3. KWEMEZA ABAJYANAMA BAGIZE AMAKOMISIYO AHORAHU Z'INAMA NJYANAMA;

Inama Njyanama imaze kungurana ibitekerezo, yemeje Abajyanama bagize amakomisiyo ahoraho y'Inama Njyanama ku buryo bukurikira:



3.1 Komisiyo y'Imiyoborere Myiza

1. GATETE Sylver
2. RUKEMANGANIZI Cyprien
3. GASANA Richard
4. KAPITENI Athar Eleazar
5. MANISHIMWE Gilbert
6. MUREKATETE Fortunée
7. MUGIRASE M.Amabilis
8. MUSHIMIYIMANA Astérie
9. KABERA Canisius
10. UWERA Espérance

3.2 Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu

1. BIZIMANA Léonidas
2. BAKINGA Déo
3. NDAHAYO Pascal
4. MUKANTAGARA Angélique
5. NIYOMUGABO Romalis
6. MANZI Théogène
7. MUTABUZA Benon
8. MUKAMWIZA Elevanie
9. YANKURIJE Marie Goretti


3.3 Komisiyo y'iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage

1. SEKANYANGE Jean Léonard
2. RUTAYISIRE K.Wilson
3. KANTENGWA Mary
4. KAMONDO Gaätan
5. MUKAKIMENYI Léoncie
6. MBABAZI Oliver
7. BAHATI Bonny
8. UFITENYINA Philothée
9. NDAGIJIMANA Eric

3.4 Komisiyo zigize Inama Njyanama y'Akarere zahawe umwanya wo gutora abayobozi bo kuziyobora, maze Inama Njyanama ibemeza k'uburyo bukurikira:

a) Komisiyo y'Imiyoborere Myiza:

Perezida: MANISHIMWE Gilbert



Umwanditsi:MUGIRASE Marie Amabilis

b) Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu

Perezida:BIZIMANA Léonidas

Umwanditsi:MUKAMWIZA Elivanie

c) Komisiyo y'iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage

Perezida:SEKANYANGE Jean Léonard

Umwanditsi:MBABAZI Oliver

4. KWEMEZA ABAGIZE INAMA Y'UBUTEGETSI YA FARUMASI Y'AKARERE;

Umuyobozi w'Inama Njyanama ashingiye ku ngingo ya 4 y'amabwiriza ya Minisitiri N° 20/45 yo kuwa 02/11/2010 ashyiraho sitati igenga Farumasi y'Akarere, yagejeje ku Bajyanama lisiti yabo Biro yasanze bagira Inama y'Ubutegetsi ya Farumasi bakurikira;

- 1.Bwana HABİYAREMYE Jean Claude ushinzwe ubuzima mu Karere
- 2.NKURUNZIZA Jonathan Uhagarariye komite ncungamutungo y'Ibigo Nderabuzima;
- 3.Soeur MWEMERA Xaverine Uhagarariye ibigo by'Amadini
- 4.Docteur UWIRINGIYEMUNGU Jean Nepo ,Umuyobozi w'Ibitaro bya Ngarama;
- 5.Bwana MUTABUZA Benon uhagarariye urwego rw'abikorera mu Karere;
- 6.Madamu YANKURIJE Marie Goretti uhagarariye Inama Njyanama y'Akarere;
- 7.Bwana NDAHAYO Pascal uhagarariye CBHI/RSSB(ubwisungane mu kwivuza).

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, Inama Njyanama yemeje ko Inama y'Ubutegetsi ya Farumasi itemezwa ahubwo isaba Komite Nyobozi kubanza gusuzuma iyo lisiti ikagira icyo iyivugaho mbere yo kwemezwa.

5. KWEMEZA GAHUNDA Y'INAMA ZISANZWE

Inama Njyanama imaze kungurana ibitekerezo, yemeje gahunda y'inama zisanzwe z'inama ku buryo bukurikira:

a) Inama za Biro y'Inama Njyanama;

Kuwa gatanu tariki ya 15/04/2016

Kuwa gatanu tariki ya 13/05/2016

fin kdx

[Handwritten signature]

Kuwa gatanu tariki ya 10/06/2016

Kuwa gatanu tariki ya 15/07/2016

Kuwa gatanu tariki ya 19/08/2016

Kuwa gatanu tariki ya 16/09/2016

Kuwa gatanu tariki ya 14/10/2016

Kuwa gatanu tariki ya 18/11/2016

Kuwa gatanu tariki ya 16/12/2016.

5.b) Inama z'Abaperezida;

Kuwa gatanu tariki ya 22/04/2016

Kuwa gatanu tariki ya 20/05/2016

Kuwa gatanu tariki ya 17/06/2016

Kuwa gatanu tariki ya 22/07/2016

Kuwa gatanu tariki ya 26/08/2016

Kuwa gatanu tariki ya 23/09/2016

Kuwa gatanu tariki ya 21/10/2016

Kuwa gatanu tariki ya 23/11/2016

Kuwa gatanu tariki ya 23/12/2016

5.c) Inama zisanzwe z'Inama Njyanama

Kuwa gatanu tariki ya 24/06/2016

Kuwa gatanu tariki ya 30/09/2016

Kuwa gatanu tariki ya 30/12/2016

5.AOB (Divers).

Inama Njyanama yagejejweho ibaruwa N°136/07.05.03/01/M yo ku wa 20/01/2016, Umuyobozi w'Akarere yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama amusaba ko Inama Njyanama yafata icyemezo ku kibazo cy'umuturage witwa KANAMUGIRE François, ukeneye guhabwa ingurane y'ubutaka bwe buherereye mu Karere ka Gatsibo, Umurenge wa Kabarore, Akagari ka Karengye, ingana n'amafaranga y'u Rwanda miliyoni



esheshatu n'ibihumbi magana cyenda (6,900,000 Frw), imaze kungurana ibitekerezo yemeje ibi bikurikira:

5.1 Inama Njyanama yashyizeho Komisiyo idasanze kugirango ikurikirane kandi isesengure icyo kibazo, ikazatanga raporo bitarenze tariki ya 12/04/2016, Inama Njyanama ikazagifataho umwanzuro mu nama itaha;

5.2 Inama Njyanama yemeje abagize Komisiyo bakurikira:

1. BIZIMANA Léonidas : Perezida
2. MUKAMWIZA Elivanie: Umwanditsi
3. BAKINGA Deo: Membre
4. MANISHIMWE Gilbert: Membre
5. SEKANYANGE Jean Leonard: Membre
6. Mbabazi Oliver: Membre


Umwanditsi w'inama



YANKURIJE Marie Goretti

Umunyamabanga w'Inama Njyanama

Umuyobozi w'inama



RUKEMANGANIZI Cyprien

Umuyobozi w'Inama Njyanama

URUTONDE RW'ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA ISANZWE YINAMA NJYANAMA
Y'AKARERE KA GATSIBO KUWA GATANDATU TARIKI YA 19.03.2016.

N°	AMAZINA	UMURENGE	ISAHA	UMUKONO
1	BAHATI Bonny	KIRAMURUZI	7h55	<i>[Signature]</i>
2	BAKINGA Deo	KABARORE	08h15	<i>[Signature]</i>
3	BIZIMANA Léonidas	KAGEYO	7h00	<i>[Signature]</i>
4	GASANA Richard	KIRAMURUZI	7h55	<i>[Signature]</i>
5	GATETE Sylver	NGARAMA	8h00	<i>[Signature]</i>
6	KABERA Canisius	RUGARAMA	7h50	<i>[Signature]</i>
7	KAMONDO Gaëtan	MUHURA	7h20	<i>[Signature]</i>
8	KANTENGWA Mary	RWIMBOGO	8h00	<i>[Signature]</i>
9	KAPITENI Athar Eleazar	KIZIGURO	7h55	<i>[Signature]</i>
10	MANISHIMWE Gilbert	GITOKI	8h00	<i>[Signature]</i>
11	MANZI Théogène	NYAGIHANGA	8h25	<i>[Signature]</i>
12	MBABAZI Oliver	KABARORE	8h00	<i>[Signature]</i>
13	MUGIRASE M. Amabilis	KIRAMURUZI	7h55	<i>[Signature]</i>
14	MUKAKIMENYI Leoncie	MUHURA	8h30	<i>[Signature]</i>
15	MUKAMWIZA Elyanie	KIRAMURUZI	7h55	<i>[Signature]</i>
16	MUKANTAGARA Angelique	MURAMBI	7h55	<i>[Signature]</i>
17	MUREKATETE Fortunee	KAGEYO	7h00	<i>[Signature]</i>
18	MUSHIMIYIMANA Asterie	GATSIBO	8h05	<i>[Signature]</i>
19	MUTABUZA Benon	KABARORE	8h02	<i>[Signature]</i>
20	NDAGIJIMANA Eric	RUGARAMA	2h45	<i>[Signature]</i>
21	NDAHAYO Pascal	REMERA	07h00	<i>[Signature]</i>
22	NIYOMUGABO Romalis	KIRAMURUZI	7h55	<i>[Signature]</i>

[Signature]

[Signature]

23	RUKEMANGANIZI Cyprien	GASANGU	7h00	
24	RUTAYISIRE K. Wilson	RWIMBOGO	7h00	7/15/2016
25	SEKANYANGE Jean Léonard	MURAMBI	7h30	7/15/2016
26	UFITENYINA Philotée	NYAGIHANGA	8h30	7/15/2016
27	UWERA Espérance	REMERA	7h42	7/15/2016
28	YANKURIJE Marie Goretti	NGARAMA	7h00	7/15/2016

finx dx

REPUBULIKA Y'U RWANDA


Gatsibo, kuwa 26/05/2016
Ref N°Njy022.../07.05.03/09



**INTARA Y'IBURASIRAZUBA
INAMA NJYANAMA Y'AKARERE
AKARERE KA GATSIBO**

MadamuGuverineri w'Intaray'Iburasirazuba

Rwamagana.



Impamvu: Kubagezaho imyanzuro y' inama idasanzwe y'Inama Njyanama ,

Madamu Guverineri;

Nejewe no kubandikira ngirango mbagezeho, ku mugereka w'iyi baruwa imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere kaGatsibo, yateranye kuwa gatanu tariki ya 20.05.2016.



Mugire amahoro.

RUKEMANGANIZI Cyprien

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo.

Bimenyeshejwe:

- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegets ibw'Igihugu
KIGALI.
- Bwana Umuyobozi w'AkarerekaGatsibo
GATSIBO.



**IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA
GATSIBO YATERANYE KUWA GATANU TARIKI YA 20/05/2016**

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateraniye ku cyicaro cy'Akarere kuwa gatanu tariki ya 20/05/2016, iyobowe n'Umuyobozi wayo Bwana RUKEMANGANIZI Cyprien guhera saa tatu n'igice za mu gitondo (9H30),

Inama yitabiriwe n'Abajyanama 24 kuri 29 bayigize.

Ku murongo w'ibyigwa hari hateganijwe ingingo zikurikira:

1. Kurahiza Umujyanama MUKAMANA Scovia utari warahiye;
2. Gusuzuma raporo ya Komisiyo Adhoc ku kibazo cy'ingurane ya Bwana KANAMUGIRE François Xavier;
3. Gusuzuma ibaruwa N° 481/07.05.03/01/M yo kuwa 07/01/2015, Umuyobozi w'Akarere yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama amusaba ko Inama Njyanama yakwemeza amafaranga ya Operation Funds azahabwa Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge;
4. Kwemeza abagize Inama y'Ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere;
5. Kwemeza abagize Audit Committee y'Inama Njyanama;

1. KURAHIZA UMUJYANAMA MUKAMANA SCOVIA UTARARAHIIYE;

Umujyanama MUKAMANA Scovia, Umunyamabanga w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere ka Gatsibo, yarahiriye kuzatunganya imirimo ashinzwe mbere yo gukurikirana imirimo y' inama idasanzwe y'Inama Njyanama, indahiro ye yakiriwe na Visi Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyagatare Madamu MUREBWAYIRE IMANZI Alphonsine ari kumwe n'umwanditsi w'Urukiko NTAHOBARI Fulgence.

**2. GUSUZUMA RAPORO YA KOMISIYO ADHOC KU KIBAZO
CY'INGURANE YA BWANA KANAMUGIRE FRANÇOIS XAVIER;**

Inama Njyanama imaze kugezwaho ibikubiye muri raporo ya Komisiyo adhoc yashyizweho n'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 19/03/2016 igahabwa inshingano zo gukurikirana ikibazo cy'ingurane ya Bwana Kanamugire Francois Xavier, no kungurana ibitekerezo kw'isesengurwa ryakozwe n'inama y'Abaperezida yateranye tariki ya 22/04/2016, yemeje imyanzuro ikurikira:

Finxdt

[Signature]

1° Inama Njyanama ishingiyeye ku mafoto yafashwe na Komisiyo adhoc, yemeje ko ingurane y'ubutaka buherereye mu kibaya kiri hagati y'Akagari ka Karengye n'Akagari ka Nyabikiri two mu Murenge wa Kabarore, yari yahawe Bwana Kanamugire François yabaye igishanga;

2° Inama Njyanama yemeje ko Bwana Kanamugire François Xavier ahabwa ingurane ku butaka bwe bungana na m² 25,000 yabazwe hashingiwe kw'itegeko N° 002/16.01 ryo kuwa 26/04/2010 rigena ibiciro fatizo by'ubutaka hanze y'Umujyi wa Kigali ryariho icyo gihe ingana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyoni esheshatu n'ibihumbi magana cyenda (6,900,000 Frw);

3° Inama Njyanama ishingiyeye ku makuru y'imibereho y'umuryango itari myiza nkuko byagaragajwe na Komisiyo adhoc, mu rwego rwo kuwufasha, yasabye Komite Nyobozi gusaba KANAMUGIRE François Xavier n'umugore we INGABIRE Fiona gufunguza konti bahuriyeho izanyuzwaho amafaranga y'ingurane bazahabwa kandi igashyiraho ikipe y'abantu bazakurikirana bakanagira inama umuryango wabo mu micungire myiza y'iyongurane;

4° Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi kubanza kuzuza dosiye igaragaza ingano y'ubutaka bwabaruwe hashyirwa imikono y'abayobozi bireba ku ifishi bwabaruriweho;

5° Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gutesha agaciro icyemezo cy'ingurane y'ubutaka bungana na m² 25,000 buri mu kibaya kiri hagati y'Akagari ka Karengye n'Akagari ka Nyabikiri two mu Murenge wa Kabarore, Bwana KANAMUGIRE François Xavier yari yarahawe mbere, maze ubwo butaka bukinjizwa mu mutungo bwite w'Akarere.

3. GUSUZUMA IBARUWA N° 481/07.05.03/01/M YO KUWA 07/01/2015, UMUYOBOZI W'AKARERE YANDIKIYE UMUYOBOZI W'INAMA NJYANAMA AMUSABA KO INAMA NJYANAMA YAKWEMEZA AMAFARANGA YA OPERATION FUNDS ;

Inama Njyanama imaze kugezwaho ibisobanuro bihagije n'abagize Komite Nyobozi y'Akarere ku mpamvu zatumye bifuza ko Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge bahabwa uburyo buborohera akazi binyujijwe muri operation funds, yatoreye imyanzuro ikurikira:

3.1 Inama Njyanama imaze kubona ko Abajyanama 24 kuri 24 batoye yego, yemeje ko Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge bazajya bagenerwa amavuta y'imodoka ariko akazajya acungwa n'urwego rw'Akarere;



3.2 Inama Njyanama yemeje ko buri Munyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge, azajya ahabwa bons z'amavuta y'imodoka zihwanye n' amafaranga ibihumbi ijana na mirongo itanu (150,000 Frw) buri kwezi nyuma yuko Abajyanama 15 batoreye ibihumbi ijana na mirongo itanu (150.000 frw), 6 bagatorera ibihumbi magana abiri(200.000 frw), umwe agatorera ibihumbi ijana(100.000 frw), umwe akifata n'imfabusa 1;

3.3 Inama Njyanama yemeje ko umwanzuro uzatangira gushyirwa mu bikorwa guhera mu ntangiriro y'ingengo y'imari y'umwaka utaha wa 2016-2017.

4. KWEMEZA ABAGIZE INAMA Y'UBUTEGETSI YA FARUMASI Y'AKARERE;

Inama Njyanama imaze kugezwaho no kungurana ibitekerezo ku ibaruwa N° 742/07.05.03/M yo kuwa 22/04/2016, Umuyobozi w'Akarere yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama amusaba kwemeza urutonde rw'abagira Inama y'Ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere rwakozwe hashingiwe ku ibwiriza rya Minisitiri w'Ubuzima N° 20/45 ryo kuwa 02/11/2010 rishyiraho Sitati ya Farumasi z'Uturere yafashe imyanzuro ikurikira:

4.1 Inama Njyanama yemeje ko aba bakurikira bagira Inama y'Ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere ka Gatsibo:

N°	AMAZINA	ICYO AKORA
1	HABIYAREMYE Jean Claude	Umuyobozi w'ishami ry'ubuzima mu Karere ka gatsibo
2	Dr Soeur MWEMERA Xaverine	Uhagarariye Ibitaro bya Kiziguro
3	Bwana MUTABUZA Benon	Uhagarariye abikorera mu Karere ka Gatsibo (PSF)
4	Bwana Isaac UFITAMAHORO	Umuyobozi wa RSSB/Mutuelle de santé mu Karere ka Gatsibo
5	Madame YANKURIJE Marie Goretti	Uhagarariye Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo
6	Bwana NKURUNZIZA Jonathan	Uhagarariye Ibigo Nderabuzima mu Karere ka Gatsibo
7	Ibitaro bya Ngarama (Hopital de District de Ngarama)	Umuyobozi w'ibitaro bya Ngarama

N.B Inama Njyanama imaze kungurana ibitekerezo yasubitse iyemezwa rya Dr UWILINGIYIMANA Jean Népomuscène, Umuyobozi w'ibitaro bya Ngarama, mu bagize Inama y'Ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere kubera ko afunze akaba akurikiranwa n'inzego z'ubutabera hagati aho hakazajya hitabira uwabaye amusimbuye.

4.3 Inama Njyanama yemeje ko Bwana MUTABUZA Benon aba Perezida w’Inama y’Ubutegetsi ya Farumasi y’Akarere ka Gatsibo;


4.4 Inama Njyanama yemeje Dr Soeur MWEMERA Xaverine aba Visi Perezida w’Inama y’Ubutegetsi ya Farumasi y’Akarere ka Gatsibo;

5. KWEMEZA ABAGIZE AUDIT COMMITTEE Y’INAMA NJYANAMA.

Inama Njyanama imaze kungurana ibitekerezo ku Bajyanama bagira Audit Committee n’umubare wabo yemeje aba bakurikira:

N°	AMAZINA	IMPAMYABUMENYI
1	Bwana BAHATI Bonny	Ao Finance
2	Bwana BAKINGA Déo	Ao Management
3	Madamu MUKANTAGARA Angélique	Ao Accounting
4	Bwana KABERA Canisius	Ao Public Administration
5	Madamu UWERA Espérance	Ao Economie


Umwanditsi w’inama



YANKURIJE Marie Goretti

Umunyamabanga w’Inama Njyanama
y’Akarere ka Gatsibo

Umuyobozi w’inama



RUKEMANGANIZI Cyprien

Umuyobozi w’Inama Njyanama
y’Akarere ka Gatsibo

URUTONDE RW'ABAJYANAMA B'AKARERE KA GATSIBO BITABIRIYE
 INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA KUWA GATANU TARIKI YA
 20.05.2016 KU BIRO BY'AKARERE .

No	AMAZINA	UMURENGE	ISAHA	UMUKONO
1	BAHATI Bonny	KIRAMURUZI	9h00'	<i>[Signature]</i>
2	BAKINGA Deo	KABARORE	9h20'	<i>[Signature]</i>
3	BIZIMANA Léonidas	KAGEYO	9h40'	<i>[Signature]</i>
4	GASANA Richard	KIRAMURUZI	9h00'	<i>[Signature]</i>
5	GATETE Sylver	NGARAMA		
6	KABERA Canisius	RUGARAMA	9h00'	<i>[Signature]</i>
7	KAMONDO Gaëtan	MUHURA	8h00'	<i>[Signature]</i>
8	KANTENGWA Mary	RWIMBOGO	8h00'	<i>[Signature]</i>
9	KAPITENI Athar Eleazar	KIZIGURO	9:00	<i>[Signature]</i>
10	MANISHIMWE Gilbert	GITOKI	9:00	<i>[Signature]</i>
11	MANZI Théogène	NYAGIHANGA	9:00	<i>[Signature]</i>
12	MBABAZI Oliver	KABARORE	8:30am	<i>[Signature]</i>
13	MUGIRASE M. Amabilis	KIRAMURUZI	9:00'	<i>[Signature]</i>
14	MUKAKIMENYI Leoncie	MUHURA	9:00'	<i>[Signature]</i>
15	MUKAMANA Scovia	RWIMBOGO	9:00'	<i>[Signature]</i>
16	MUKAMWIZA ELvanie	KIRAMURUZI	8h20'	<i>[Signature]</i>
17	MUKANTAGARA Angelique	MURAMBI		<i>[Signature]</i>
18	MUREKATETE Fortunee	KAGEYO	10h00'	<i>[Signature]</i>

[Signature]

[Signature]

19	MUTABUZA Benon	KABARORE	9h30'	Handwritten signature
20	MUSHIMIYIMANA Asterie	GATSIBO	8h59'	Handwritten signature
21	NDAGIJIMANA Eric	RUGARAMA	9h00'	Handwritten signature
22	NDAHAYO Pascal	REMERA	08h50'	Handwritten signature
23	NIYOMUGABO Romalis	KIRAMURUZI	Afile	imprimare
24	RUKEMANGANIZI Cyprien	GASANGE	9h00'	Handwritten signature
25	RUTAYISIRE K. Wilson	RWIMBOGO	8h30'	Handwritten signature
26	SEKANYANGE Jean Léonard	MURAMBI	Afile	imprimare
27	UFITENYINA Philotée	NYAGIHANGA	8h50'	Handwritten signature
28	UWERA Espérance	REMERA	8h56'	Handwritten signature
29	YANKURIJE Marie Goretti	NGARAMA	9h00'	Handwritten signature

Sinedo

~~Handwritten mark~~